September 30, 2020
DR-4557-IA NR 014
HSEMD: HSEMDpio@iowa.gov
FEMA News Desk: (816) 283-7095

Itangazo

FEMA Ifunguye Disaster Recovery Center mu ntara ya Tama

DES MOINS, Iowa - Disaster Recovery Center (DRC) izafungura kuwa Mbere, tariki ya 5 z'ukwezi ku icumi saa tatu za mu gitondo i Meskwaki Casino RV Park, kugirango isobanurire abarokotse imiyaga mibi yo ku italiki ya 10 z'ukwezi ku umunani uburyo bwo gutanga impapuro zo gusaba imfashanyo z'Ibiza,

DRC izajya ifungura igihe gitoya kandi ifite abakozi ba FEMA bashobora gusikana inzandiko kandi basubiza ibibazo birebana n'ubufasha bwa program zi Ibiza. Izafunga burundu kuwa Gatandatu, taliki ya 10 z'ukwezi ku icumi saha cumi na zibili z'umugoroba.

DRC DRC ntizagendera ku mikorere yahozeho mbere. Ikigo kizajya gifashiriza abantu mu modoka bajemo. Abarokotse bagomba kuguma mu modoka.

Singombwa ko abasaba inkunga baza ku kigo gurirango bageze impapuro kuri FEMA-bashobora kuzohererza mw'iposita, kohereza fagisi cyangwa kuzohereza bakoresheje interinete kuli DisasterAssistance.gov. Ibisobanuro by'iyi mikorere yose biri mu ibaruwa yabo ya FEMA.

Abarokotse barangije kwiyandikisha muri FEMA bakaba barasabwe gutanga izindi nyandiko basabwe gusoma ibaruwa yabo ya FEMA neza kugirango babe bafite ibyo basabwa byose iyo bageze kuri DRC.

Niba utumva neza ibaruwa wabonye ivuye muri FEMA, hamagara **800-621-3362** (TTY: **800-462-7585)** hagati ya saa kumi n'ebyili za mugitondo na saa yine za nimugoroba Central Time, usabe babigufashemo.

FEMA DRC ibarizwa:

Meskwaki Casino RV Park
1504 305th St
Tama, IA 52339
(RV park ibarizwa inyuma ya Casino na Casino karking deck}
DRC ikora kuva kuwa mbere kugeza kuwa gatandatu, saa tatu za mu gitondo kugeza saha cumi n'ebyiri z'umugoroba Central Time.
Ku cyumweru irafunze.

Abuzuza ibipapuro bose hamwe n'abakozi ba FEMA bazakurikiza amabwiriza ya leta n' aho ikorera mu kuba hiriza amabwiriza yo kwirinda COVID-19. Abifashisha bagomba kwambara agapfuka munywa kandi bakaguma mu modoka zabo batanga impapuro k'umukozi wa FEMA, nawe uzaba yambaye agapfuka munywa (cyangwa ibindi bitwikirije). Abakozi ba FEMA bazafata inzandiko bazisikane maze bazisubize nyirazo.

Kuzuza impupuro bishobora gukorwa mu buryo bukurikira:

- Jya kuli DisasterAssistance.gov
- Ku bafite smartphones mukoreshe FEMA Mobile App
- Hamagara **800-621-3362** (TTY: **800-462-7585**) hagati ya saa cumi n'ebyili za mu gitondo na saa yine z'ijoro Central Time, iminsi irindwi mu cyumweru. Hari abavuga indimi zinyuranye

Niba hari udashoboya kwiyandikisha kuri interinete cyangwa guhamagara kuri telephone, ashobora kwiyandikisha kuri kiriya kigo cya DRC.

Impapuro zishobora kwoherezwa uhisemo kimwe muli ubu buryo bukuriikira:

- Ohereza ibaruwa mw' iposita: FEMA's Individuals and Households Program, National Processing Service Center, P.O. Box 10055, Hyattsville MD 20782-7055.
- Cyangwa Fagisi kuri: 800-827-8112.
- Cyangwa ohereza ukoresheje conte ya FEMA kuri interenete. Gufungura konte, jya kuri DisasterAssistance.gov, ukande "Check Status" hanyuma ukurize ibyo bakubwiye.

# # #

Ibindi bisobanuro bijyanye n'ibiza bya Iowa nandi mukuru atandukanye, injira hano www.disasterrecovery.iowa.gov.

Inshingano ya FEMA ni ugufasha abantu mbere, mugihe, na nyuma yibiza.

Imfashanyo irahari utitaye ku bwoko, ibara, idini, ubwenegihugu, igitsina, imyaka, ubumuga, kumenya icyongereza cyangwa ututunzi. Niba wowe cyangwa umuntu uzi ko yarenganijwe, cyangwa akeneye akeneye ubufasha aho ari, hamagara FEMA kuri 800-621-3362. Indimi zitandukanye zirahari.

Inshingano ya HSEMD: Kuyobora, guhuza no gushyigikira ibikorwa by'umutekano mu gihugu ndetse n'ibikorwa byo gutabara byihutirwa hagamijwe ibyiza bya rusange no guteza imbere ubukungu bwa Iowa n'abayituye.